

## **20121031-0043 Habimana Evariste**

Name: Habimana Evariste  
School: I.J.W School Kibogora (CGUGU) [Cyangugu]  
Class: 6<sup>ème</sup> N.P [Normale Primaire]  
Year: 1999-2000  
Subject: Historique de la guerre (Genocide) 1990-1994

---

Nom: Habimana  
Prenom: Evariste  
Cellule: Kanyinya  
Secteur: Rwoga  
Commune: Masango  
Prefecture: Gitarama  
Pere: NGIRINSHUTI Samuel (1930-1994)  
Mere: M.[MUKA] NTAGARA Madeleine (1936-1994)  
Ecole: Institut John Wesley de Kibogora (Cyangugu)  
(I.J.W)  
Année d'étude: 6<sup>e</sup> N.P I.J.W  
9000.000  
E Nyango

---

Intambara y'itembatsema n'itsembabwoko yabaye mfite imyaka (15) yamavuko. Nigaga i Kaduha (Gikongoro), Niga mu mwaka wa( 2<sup>e</sup> S.I [Sciences Infimiere]) (E.S.I Kaduha).

Ubwo HABYARIMANA Juvenal yapfaga ari kuwa 6/4/1994 mu ijoro rishyira uwa 7/4/1994 abandi banyeshuri abenshi bari bamaze kujya mu biruhuko, ariko twebwe twari kuruhuka ku ya 7/4/1994. Icyo gihe twari turangije ighwmbwe cya kabiri, icyo gihe bus ya ONATRACOM yari yaraye mu kigo nkuko byari bisanzwe kuko iyo twajyaga gutaha uwi kigo cyacu hararaga bus izadutwara kuko icyo gihe nta ma Taxi yabonekaga menshi. Nkuko mu gitondo tubyuka kare ngo tujye muri bus, dushyiramo ibikapo byacu muri ako kanya tubona uwari Directeur wacu Docteur GASANA Gemus, aratubwirango nidukuremo ibikapu byacu dusubire mu dortoirs zacu twabikoze nkuko abitubwiye ariko tukabona hanze umuuka utari mwiza. Nkuko dusubira muri dortoirs zacu, tumaze kugerayo Directeur ajya muri dortoir y'abakobwa abwira doyenne ngo abwire abakobwa baze hanze kimwe n'abahungu yemere, nuko tujya aho hanze hari hagati ya dortoirs zo muri (Cour antérieur). Nuko aratwerurira aratubwira ati "Président wacu yaraye ahanuwe mu ndege n'abagizi ba nabi none yarapfuye. None kubera ibyo ntimugitashye kubera ikibazo cy'umutekano mu nzira. Bamwe muri twe ukabona barababaye, abandi ukabona ntacyo bibaburiye, babikora uko batubwiye tuguma aho.

---

Turagumya aho , bamwe bibaza byinshi, ariko turatekereza uko ari nta muuka mwiza tubona hanze , tubona umuntu wese hanze atwaye umuhoro, ubuhiri, ibyuma, amabuye, amacumu n'ibindi.

Twe tukabaza abana twabonaga duhuje ibibazo aho ngaho aho twari turi bakatubwira bati “dore uriya batwkiye inzu hariya ni kwa mwene wacu” kuko ubwo tumenyako ari uwitwa umututsi ushakwa. Aho twari turaho abana b’abahutu batangira gukora utugurupe, ukabona batwiranga ariko ntibagire icyo batubwira ariko si uko byakomeje, noneho baratwerurira bakajya batubwira ngo mwa bututsi mwe.

Twakumva ibyo noneho tukababara kurushaho, ariko tugaceceka kuko n’ubundi ntacyo twari kubagira. Ubuke bwacu ntacyo bwari kumara, uretseko niyo tuba turi benshi kw’abo bagenzi bacu noneho bajya hanze bakabwira bene wabo bakatumara. Gusa noneho natwe twari tumaze kumenyana n’abagenzi bacu duhuje ibibazo, tukajya tubabwira gusa bakakomeje kwihangana kuko Imana yonyine ariyo izi ibyacu kuko ariyo yatwiremye, ariko aho hanze bicika kuri kiriziya ya Kaduha bica abantu nivuga.

Ariko ntitwabura gushimira uwari Directeur wacu kuko yatwitangaho, baduhaga igikoma mu gitondo tugifite agasukari gake, izakugeraho irashira tukajya tukinyweraho. Bakaduha umuceli n’ibishyimbo gusa, ariko ibishyimbo birimo iwungu ziruta iliyo bishyimbo ariko ntitwabura gushimira Imana kuko twe twabibonaga ariko hari ni uwaziraga kubireba n’ijisho rye ntibabimugaburire.

---

Bamwe muri twe twarahuriye, ukabona umwana aragenda akanuye ariko urubyukuri tutareba bamwe barware macinya, kandi n’izindi zitandukanye ariko Directeur akaduha imiti, uretse umuhungu umwe bitaga SIBOMANA Isaac uwo ku Kibuye warapfuye kubera korela.

Navone mu iyo minsi haza abasirikali babiri bari escorts ba Major MUGENIANA w’imusange ku Gikongoro. Ubwo baraje basanga umuzamu w’ikigo cyacu uwitwaga Gerome baramubwira ngo nakingure , arababwira ngo bamubujije gukingura bamutunga imbunda baramubwirango nakingure. Kuko yabonaga bamutunze imbunda arakingura maze barinjira.

Bakimara kugera mu kigo binjiye muri dortoir yabakobwa, barabwira bati uziko ari Umututsi nasohoke. Ufite ubwoba yarasohekaga baza no mu bahungu, nanowe bavugako uziko ari Umututsi asohoka, twarasohotse. Nuwikomezaga yabonaga abana b’abahutu bamurebye nabi kandi bamusi agahita asohoka. Abana b’abahutu baza kudushungera nyine kuko hari baziko nyine tugiye gupfa ahari bakshima. Uwari (Agent) [Sergeant] ariwe sergeant ufite imbunda ya mathinigani [machine gun] ngo ajya kuzana Directeur wacu ku icumbi aho mu kigo, aramuzana amuhereza iyo mbunda ngo atwirasire, nuko Directeur aranga. Undi wari warigaye (CPL) ariwe

caporal asigara atwandika, akandika izina ryawe na Komini na prefecture. Barabonye basanga turi mirongo itatu na batanu (35), uretseko hari abandi bihishe munsi y'ibitanda muri dortoirs.

---

Nuko uwari sergeant akjya abwira Directeur ngo "Niko sha Directeur abatutsi bose 35 wari uhishe ntabwo aribo bishe HABYARIMANA," ngo " siwe di uwari wabahaye amashuri bakiga!!!" Ngo none ihishe nzoka z'abatutsi. Directeur agasaba imbabazi ariko bakanga. Natwe tukazisaba ariko bikaba iby'ubusa. Nuko bumviseko uwo Major aje baratubwira ngo ngaho nimugende ariko turagaruka kubareba. Ubwo hari hamaze kuba nka saa sita. Abandi bana b'abahutu bakavuga ngo mureke tuje kwiririra sha ngo nahoh ziriya nzoka muzihorere. Ubwo nyine baragiye bararya. Twebwe kurya ntibyari bikitureba kubera twavugagako muri uwo mwanya n'ubundi baza kutujyana kutwica. Ba basirikari bamaze kugenda Directeur aragaruka aratubwira ngo ayo ma "escorts" y'uwo mu Major yari yamucitse ngo none Major amaze kumubwirako bishakiraga amafaranga, akatubwira ngo nitujye kurya, ariko tukanga.

Twararaga tugirango baraza kudutwara tukarara tudasinziriye ariko tugasenga Imana yonyine. Muri iyo minsi dushaka uburyo twabacika tukigira mu Inkotanyi. Icyo gihe twajyamo inama, nuko umunsi ugezi ubwo hari nijoro nku mu masaa tatu abandi bamaze gusinzira, twari abahungu 19 n'abakobwa babiri dusimbuka ikigo. Muri ako kanya imvura ihita itangira kugwa, tugeze inyuma y'ikigo abakobwa baratubwirango barasigara kurugo rwari aho iruhande rw'ikigo kukucamanza uwari abatuze nawe ufite umugore w'umututsi. Ubwo twebwe twarakomeje turagenda. Twari kumwe n'umuhungu iwabo ari mu Cyanika, kandi batubwirako inkotanyi zigeze i Butare muri Maraba.

---

Twaraye tugenda ijoro ryose, ubwo hari mu kwezi kwa gatanu dutangira, turara tugenda bucya tugeze mu Cyanika hafi y'amashuri ahari ya secondaire ari nka saa kumi na mbili twihisha ahantu mu gashyamba ku gahuru gatoya. Aho hafi hari urugo rw'abaturage nuko umugore asohotse aje ku irembo, aratubona, natwe twamubonye twikinga kuri ari gahuru, maze avuza induru interahamwe ziza n'imipanga, amacumu, ibyuma, amahiri. Umugore akababwira ngo abonye Inkotanyi. Kubera twarimo abahungu 3 turi barebare ariko harimo uwitwa SHINGIRO, Jean de Dieu muremure cyane nuko uwitwaga Emmanuel aravuga ngo we abijye kunyura muri iryo shyamba yigendere n'ubundi n'ugupfa wenda hari ubwo yakira. Twamubuza ariko aranga kuko twarangaga ko dutatana, uwe yarakomeje aragenda niba yarpfuye niba akibaho ntabwo najye mbizi kuko kuva icyo gihe sinari namubonye.

Abandi twarakomeje tujya muri icyo kigo cy'amashuri ari ahongaho. Ba bandi bashaka kutwica baraza basanga tumaze kwinjira aho mu icyo kigo. Directeur wo muri icyo kigo yatubajije aho

tuvuye tumubwirako tuvuye i Kaduha. Yatubaza aho tugiye tukavugako aho twari turi dutari tuhizeye umutekano 100%. Ariko kubera hari abajandarume bari barinze icyo kigo hari na bariyeli aho imbere, ba bandi bashakaga kutwica bababwirako batuzi nuko basubirayo.

Directeur w'icyo kigo arakomeza aratubaza, ariko tukamubwira ko duhunga gusa. Yaraducumbikira tumara iminsi itatu ishize uwo Directeur atuma ku wacu ko turi aho mu Cyanika.

---

Directeur wacu yohereje imodoka iza kudutwara yahageze nka saa kumi na moya (17h00) itwarwe na Directeur wa E.A.V. Kaduha. Twavuye aho mu Cyanika saa kumi na mbili tugarika i Kaduha. Twatinze mu nzira kubera baliyeli nyinshi, ari nako bashaka kutwica.

Twageze kuri E.S.I Kaduha nka saa saba n'imince makumyabiri n'itanu. Batugejeje ku kigo baturaza muri sale des professeurs kugirango tutajya mu bandi bakaba barwemerera nazi kuko n'ubundi hari abandi bashakaga kudukubita (Reggis, Orest, Elisephan.

Bwaracyeye mu gitondo baremesha Imana, Aime S/Prefet wa S/Prefecture ya Kaduha bababwirako n'ubwo twari twaragiye tukiri hamwe nabo tugomba kongera rero tukabona uko bisanzwe.

Twarakomeje tuba muri E.S.I Kaduha kugeza ubwo Abafaransa baje kudutwarira. Abafaransa baje kudutwara ku italiki 20/6/1994. Twavuye aho kuri E.S.I tujya mu nkambi yo ku Gikongoro i Murambi, aho bashyize abandi bantu bacitse ku icumu. Turahabaye iminsi, njewe hashize iminsi itanu mfata ijoro ryo kuwa 26/6/1994 njya mu nkotanyi i Butare, muri Commune Maraba mpita mpura n'abasirikari ba A.P.R mpita niba mu gisirikari mba mugisirikari kuva 30/6/1994 kugeza 25/12/1995. Nagezeho ngeze i Kigali mpura na mushiki wanjiye wo kwa data wacu witwa Monique, ahita ambwirako nubo tuvukana (abana 6) hasigaye mushiki wanjiye umwe na mukuru wanjiye umwe, ariko nkaba nari naramenyeko

---

Data na mama bari barapfuye. Data yishwe na IYAKAREMYE Nasphore na Alexis mwene Thomas. Naho mama yishwe na Foyibi, Elyvanie, NYIRAMIKUMBI, na yuriya. Papa bakaba baramutaye muri wese yo kwa Mariya KABAGENGA na mama kwa Yasoni GATSIMBANYI muri wese.

Bene mama, MUKANTEMBE Laurence, MUSABYIMANA Foyibi n'akana ke kitwa BISIHIRI bakaba barabajanye mu ruzi rwa Kirinda. Naho mukuru wanjiye bitaga Jonas NSENGIYUMVA akaba yarapfiriye ku Gikongoro ahunga ariko tukaba tutazi aho yaguye. Naho mushiki wanjiye mukuru bitaga MUKASHYAKA Azera yapfiriye mu nkambi yaho yari ari ku Kibuye.